# MU GIHUGU CY'IMISOZI IGIHUMBI

Ubusabane hagati y'Abanyarwanda n'Abadage 1892 – 1916



Mu majyaruguru y' u Rwanda (Götzen / Kuhnert 1895)

### Abateguye igikorwa bakanakiyobora

Anna-Maria Brandstetter, Department of Anthropology and African Studies, Johannes Gutenberg University Mainz
Marion Hilden-Ahanda, Ishyirahamwe »Partnerschaft Rheinland-Pfalz – Ruanda e.v.« (Ubufatanye hagati ya Rhénanie-Palatinat n'u Rwanda ), Mayence
Célestin Kanimba Misago, Umuyobozi w'Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu z'Umurage w'u Rwanda
Ulrich Schmidt, Natural History Museum Mainz

### Uwafashije mu gutegura igikorwa

Angélique Dongus, Steffen Groß

### Umwanditsi

Anna-Maria Brandstetter

### Uwahinduye inyandiko mu kinyarwanda

Christine Ntulikiyinka

### Uwatunganyije / Ikigo cyatunganyije amashusho

U9 visuelle Allianz, Offenbach, www.u9.net

### Abateye inkunga y'amafaranga

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga / Ambassade y' Ubudage, Kigali / Rwanda
Minisiteri y'Umutekano na Siporo ya Rhénanie-Palatinat,
Urugaga rw'Amasanduku yo Kuzigama n'Amabanki rwa Rhénanie-Palatinat,
Ishyirahamwe »Partnerschaft Rheinland-Pfalz – Ruanda e. V.« (Ubufatanye hagati ya Rhénanie-Palatinat n'u Rwanda), Mayence



### TURASHIMIRA

Turashimira byimazeyo ibigo n'abantu bose bateye inkunga iki gikorwa, by'umwihariko:
Archives and Museum Foundation, Wuppertal / Julia Besten, Joachim Barmwoldt, Axel Brandstetter, Anna Czekanowska, Jürgen Debus, Andreas Gnass, Annonciata Haberer, Sabrina Hahn, Kira Hauser, Gudrun Honke, Colonial Picture Archiv, University Library Frankfurt am Main / Dr. Hartmut Bergenthum; Leibniz Institute for Regional Geography, Leipzig / Dr. Heinz Peter Brogiato;


| | |
|---|---|
| 1867 | Kwima kw'umwami Kigeri IV Rwabugiri |
| 1884 – 1885 | Inama mpuzamahanga kuri Afurika yabereye i Berlin (bakunze kuyita Inama ya Kongo) |
| 1885 | Ubudage bwahawe ububasha bwo kuyobora Afurika y'iburasirazuba binyujijwe mu rwandiko rwemerera Ubudage guhabwa icyo gice cy'Afurika nk'indagizo<br>Ishyirwaho ry'umupaka wambukiranya u Rwanda utandukanya Kongo n'ibihugu by'Afurika y'iburasirazuba byahawe u Budage nk'indagizo |
| 1891 | Ubudage bwemerewe gukoroniza ibihugu bwari bwarahaweho indagizo bifata izina rya »Afurika Ndage y'iburasirazuba« |
| 1892 | Uruzinduko rw' »Akanama k'Abadage ko kurwanya Ubucakara« mu Rwanda, kayobowe na Oskar Baumann |
| 1894 | Gustav Adolf Graf von Götzen yambukiranyije u Rwanda |
| 1895 | Urupfu rw'umwami Rwabugiri<br>Kwima kw'umwami Mibabambwe IV Rutarindwa |
| 1896 | Gutsindwa kw'Ingabo z'u Rwanda zarwanaga n'iza Kongo<br>Umwami Rutarindwa yambuwe ubwami aranicwa |
| 1896 – 1901 | u Rwanda rwahawe sitasiyo ya gisirikare yari Ujiji ku kiyaga cya Tanganyika ngo iruyobore |
| 1897 | Kwima kw'umwami Yuhi V Musinga<br>Ibaruwa yemerera Ubudage gufata u Rwanda nk'indagizo iherekejwe n'Ibendera ry'Ubudage byagejejwe ibwami |
| 1898 | Ishingwa rya sitasiyo ya gisirikare ya Ishangi |
| 1898 – 1901 | u Rwanda rwayoborwaga na sitasiyo ya gisirikare yari Ujiji ku kiyaga cya Tanganyika |
| 1899 | Ishingwa rya sitasiyo ya gisirikare ya Gisenyi<br>Kwigizayo umupaka hagati ya Kongo na Afurika Ndage y'iburasirazuba- wigijwe iburengerazuba-ku nkengero z'ikiyaga cya Tanganyika-Rusizi-Kivu<br>Nyanza yabaye umurwa uhoraho w'abami |
| 1900 | Gushinga Misiyoni Gatulika za mbere i Save n'i Zaza |
| 1900 – 1901 | Kwivumbagatanya ku bwami, haje itsinda ry'Abadage rigamije guhana ababigizemo uruhare |
| 1901 – 1906 | u Rwanda rwahawe disitirigite ya gisirikare ya Bujumbura ngo iruyobore |
| guhera muri 1903 | Hakomeje kugenda haza amatsinda y'abadage agamije guhana abagize uruhare mu myigaragambyo |
| 1906 | u Rwanda rwatangiye kuyoborwa n'abakoloni b'abasivili ndetse hashingwa ibiro bya Rezida |
| 1907 | Guhsyiraho Misiyoni za mbere z'Abaporoso i Zinga n'i Kirinda<br>Richard Kandt yagizwe Rezida w'u Rwanda |
| 1908 | Ishingwa rya Kigali |
| 1910 | Ishyirwaho ry'umupaka hagati y'Afurika Ndage y'iburasirazuba, Kongo n'Ubugande |
| 1911 – 1912 | Kwivumbagatanya ku bwami, haje itsinda ry'Abadage rigamije guhana ababigizemo uruhare |
| 1914 | Itangira ry'intambara yambere y'isi (imirwano mu Rwanda kugeza muri 1916) |
| 1916 | Irangira ry'ubukoroni bw'Abadage mu Rwanda |




Afurika yo hagati, 1910 – 11 (© Mecklenburg: Guhera ku mugezi wa Kongo kugera ku wa Niger n'uwa Nili, 1912)




U Rwanda, haragaragara inzira yanyuzwemo n'itsinda ry'Abahanga b'Abadage 1907 – 08 (© Mecklenburg: Mu mutima w'Afurika, 1909)


### Insanganyamatsiko y'iri murika:

IMISHYIKIRANO MU GIHE CY'UBUKORONI
IMISHYIKIRANO YA MBERE
RICHARD KANDT
UBUTEGETSI BWA GIKORONI
ABAMISIYONERI MU RWANDA
URUGENDO MURI AFURIKA YO HAGATI
JAN CZEKANOWSKI
KIGALI 1908 – 1916

# IMISHYIKIRANO MU GIHE CY'UBUKORONI

Amateka y'umushyikirano hagati y'Abanyarwanda n'Abadage yatangiye mu mpera z'ikinyejana cya 19 aho Abadage ba mbere bagendaga bakora ubushakashatsi ku bintu binyuranye bageze mu »Gihugu cy'Imisozi Igihumbi«.



Umwami Musinga afite ibendera ry'Abadage

♦♦♦

**»UMWAMI MUSINGA YABANJE KWEMERA ABADAGE KUKOBO BAMUFASHIJE KUNESHA ABAMURWANYA, KANDI ABADAGE BAREKAGA AKORA ICYO ASHATSE.« (RUKERIBUGA, WARI UFITE IMYAKA 85, YABIVUGIYE I MBAZI / RWANDA MU 1977)**

Abakoloni b'Abanyaburayi bari barashyizeho imipaka igabanya ibihugu bakurikije ubuvakoma (latitude) n'ubuvashingiro (longitude), muri urwo rwego u Rwanda rwari rwarashyizwe kuri Afurika y'iburasirazuba yakoronizwaga n'Ubudage. Abadage bagombaga gukora ingendo zinyuranye muri icyo gice cy'Afurika bagamije kumenya neza icyo gice cyari cyitazwi cyane ndetse no gushyiraho ubuyobozi bwa gikoroni.

## Ikinyabupfura, amakenga n'urwikekwe

Kuva mu myaka ya za 1870 ibwami bakusanyaga amakuru ku bijyanye n'Abanyaburayi n'icyo bashaka mu Rwanda. Mu mpera z'ikinyejana cya 19 Umwami Rwabugiri yohereje intasi ngo zijye kumunekera amakuru ajyanye n'intwaro z'Abanyaburayi ndetse n'ubushobozi bwabo mu bya gisirikare ndetse banamenye n'impamvu aho abo Banyaburayi bageze hose bafata ubutegetsi. Nyuma yo kumenya ayo makuru yose, abajyanama b'umwami bamugiriye inama yo kutagaragariza abo Banyaburayi urwikekwe ahubwo akabakirana ikinyabupfura no kuvuga make.


Imyitwarire y'umwami n'ibyegera bye mu kwakira Abadage yaranzwe n'ubushishozi, amakenga n'ubwoba bivanze n'urwikekwe n'uburyarya bwinshi ariko butagaragara. Bitewe n'uko Abakoloni barushaga u Rwanda ubushobozi mu bya gisirikare, ubwami bwemeye ko igihugu gikoronizwa, nyamara ntibyabujije ubwami guhagarara ku nyungu zabwo mu maso y'Abadage bakoronizaga u Rwanda. Ari ibwami n'ibyegera by'umwami ari na rubanda rusanzwe bose baharaniye gukura inyungu muri ubwo butegetsi bw'Abadage.

♦♦♦

## Abadage bifashishije urwandiko rubemerera guhabwa u Rwanda nk'indagizo, ibendera ryabo ndetse n'abasirikare


Kugirango bashobore gutegeka u Rwanda Abadage bakoresheje igitugu gitwikiriwe n'uburyarya. Igihe Abadage bashyikirizaga umwami urwandiko rubemerera guhabwa u Rwanda nk'indagizo n' ibendera ry'Ubudage nk'ibimenyetso by'uko bemerewe gukoroniza u Rwanda, bakoresheje ijambo »ubucuti« kugirango bumvishe ubwami ko u Rwanda rutazatakaza ubusugire bwarwo. Nyamara, uburetwa, ibiboko, ibihano bikarishye, n' ibindi bikorwa by'ubugome nibyo byarangaga imiyoborere y'abakoloni, bityo ijambo »ubucuti« bari bakoresheje bigaragara ko ryari ikinyoma cyambaye ubusa. N'ubwo Abakoloni bashimaga kandi bakubaha uburyo u Rwanda rwari rufite gahunda, icyari kibashishikaje mu kwereka umwami ko bamushyigikiye ni ukugirango abafashe kugera ku ntego zabo zo gukoroniza igihugu nk'uko babyifuzaga. Abaturage bo bafatwaga nk' »ibikoresho byiteguye kumvira iteka abakoloni bazi icyo bakora« (R. Kandt 1899).

»Abaturage baba bari aho ntacyo bavuga… ese bajya bibaza na rimwe ko hari igihe ukuza kw'Abanyaburayi kuzababyarira ibibazo? Ese hari ubwo baba baravumbuye ko Abanyaburayi batazanywe mu Rwanda n'urukundo bafitiye Abanyarwanda?« (Lieutnant Fonck, igitabo yanditse ku rugendo yagiriye mu Rwanda 1897).










Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Yambuka umugezi wa Nyabarongo♦, Mu nzira bagana i bwami i Nyanza, Abashyitsi b'abadage i bwami♦♦,
Yambuka ikiyaga cya Kivu afite ibendera ry'Ubudage.♦

♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main
♦♦ © Leibniz Institute for Regional Geography, Leipzig

# IMISHYIKI-RANO YA MBERE

Mu mwaka w' 1892 impuguke mu bumenyi bw'isi Oskar Baumann yabaye Umunyaburayi wa mbere wageze mu Rwanda. Yaje gukurikirwa mu 1894 umusirikari mukuru witwa Gustav Adolf Graf von Götzen.

Ingendo z'aba Banyaburayi bombi zari zigamije kumenya neza icyo gice cy'isi cyari kitazwi cyane icyo gihe ndetse no gushyiraho no gushimangira ubuyobozi bwa gikoroni.



»Mu rugendo« (igitabo cyanditswe na Götzen / Kuhnert 1895)

| | |
|---|---|
| 1861 | John Hanning Speke yagiranye imishyikirano n'intumwa z'u Rwanda i Karagwe, igihugu cyari gituranye n'u Rwanda. |
| 1876, 1889 | Henry Morton Stanley yashakishije amakuru ku Rwanda |
| 1891 | Emin Pascha na Franz Stuhlmann bagerageje kugirana imishyikirano n'umwami w'u Rwanda |
| 1892 | Oskar Baumann yabaye mu Rwanda kuva ku itariki ya 11 kugera kuya 15 Nzeri |
| 1894 | Stuhlmann yasohoye raporo yise »Ndi kumwe na Emin Pascha mu mutima w'Afurika« |
| | Baumann yasohoye raporo ivuga ku rugendo rwe, ayita »urugendo nakoze nerekeza ku isoko ya Nili nyuze mu gihugu cy' aba massai« |
| | Kuva ku itariki ya 2 Gicurasi kugera kuya 29 Kamena Gustav Adolf Graf von Götzen yambukiranyije u Rwanda |
| 1895 | Graf Götzen yasohoye igitabo yise »Urugendo nakoze nambukiranya Afurika y'iburasirazuba nerekeza muri Afurika y'iburengerazuba« |
| 1901 – 1906 | Graf Götzen yabaye Guverineri w'Afurika Ndage y'iburasirazuba |

**»… UBU TUKABA TWARAVUMBUYE (…) IGIHUGU GIFITE AGACIRO KANINI BITEWE N'UBURUMBUKE BWACYO, IBIHE BYIZA KIGIRA NDETSE N'ABATURAGE BENSHI GIFITE, KIZABA UBUTUNZI BUKOMEYE KURI TWE.« (GRAF GÖTZEN 1895)**

## Uko Abanyaburayi bavugaga u Rwanda mbere yo kurugeramo

Mu mpera z'ikinyejana cya 19 niho igihugu cy'u Rwanda cyamenyekanye bwa mbere i Burayi kimenyekanishijwe n'abashakashatsi bazaga muri Afurika bashakisha isoko ya Nili. Raporo z'ingendo z'abo bashakashatsi kuva kuri Speke kugera kuri Stuhlmann zavugaga u Rwanda nk'igihugu cy'amayobera kandi cyo kwitonderwa, kiyobowe n'umwami ufite ububasha bukomeye ku buryo ari Abarabu ari n'Abanyaburayi batari barigeze bakigeramo. Izo nkuru babaraga ku Rwanda n'amateka yarwo zarimo uruvange rw'izishingiye ku byiyumviro by'Abanyaburayi, izishingiye ku byo babaga babwiwe n'abasemuzi babo b'Abanyafurika, abacakara ndetse n'abacuruzi b'Abanyafurika n'ab' Abarabu, ndetse n'izo babaga babwiwe n'ibihugu bikikije u Rwanda cyangwa se intumwa z'umwami w'u Rwanda; bo ubwabo ntibari bazi u Rwanda uretse kururebera kure.

Muri icyo gihe kandi umwami w'u Rwanda Kigeri IV Rwabugiri yatangiye gushaka amakuru ku birebana n'Abanyaburayi bagendaga muri Afurika bari bazwi ku izina ry' »Abazungu«. Umwami w'i Karagwe, kimwe mu bihugu byari bituranye n'u Rwanda, yasobanuriye umwami w'u Rwanda ko Abazungu bari abantu bafite ingufu nyinshi zo kwigarurira ibihugu kandi amugira inama yo kutabarwanya ahubwo akabakirana ikinyabupfura.

## Oskar Baumann (1864 – 1899)

Umunyaburayi wa mbere wakandagiye ku butaka bw'u Rwanda ni Umunyaotirishiya witwa Oskar Baumann akaba yari impuguke mu bumenyi bw'isi. Yahageze yoherejwe mu butumwa n' »Akanama k'Ubudage ko kurwanya ubucakara« akaba muri urwo rugendo yarageze ku kiyaga cya Tanganyika. Muri Nzeri 1892, nibwo yageze mu Rwanda aturutse i Burundi, maze yakiranwa urugwiro. Nyuma y'iminsi ine yashatse kuva mu Rwanda nta burenganzira abisabiye umwami, ingabo z'umwami zigerageza kumubuza. Ntiyashidikanyije gutegeka ko izo ngabo ziraswa maze ahita yerekeza i Burundi.

## Gustav Adolf Graf von Götzen (1866 – 1910)

Urugendo rwakurikiyeho ni urw'umusirikari w'Umupuruse Graf Götzen wambukiranyije u Rwanda kuva ku itariki ya 2 Gicurasi kugera kuya 29 Kamena 1894. Uyu niwe Munyaburayi wa mbere wemerewe kugera ibwami. Mu ntangiriro we n'abo bari kumwe bakiranywe urwikekwe nyuma baza kugaragarizwa urugwiro ruvanze n'amatsiko. Nyuma Gustav Adolf Igikomangoma cya Götzen yaje kujya yirengagiza ikinyabupfura n'icyubahiro yahabwaga n'ibwami bityo nabo batangira kumugaragariza agasuzuguro n'umujinya. Ibi byatumye ibwami bafata gahunda yo gusuzugura Abanyaburayi bikabije bakabita »ibikoko«, bakanga gusubiza ibibazo byabo cyangwa se bakabaha amakuru atari yo. Mu ngendo zinyuranye bagiriye mu Rwanda, Gustav Adolf Igikomangoma cya Götzen n'abo bari kumwe bagiye babangamirwa ndetse banasagarirwa mu bice binyuranye by'u Rwanda.

## Muri Gicurasi 1894 Graf Götzen yabonanye n'umwami Rwabugiri

Muri uyu mubonano Graf Götzen n'abo bari kumwe baranzwe n'agasuzuguro gakabije. Byageze n'aho birengagiza ko ibwami aribo bari bafite ubushobozi bwo gutegura ibijyanye na porotokole byose ndetse Graf Götzen yinjira ibwami arangajwe imbere n'abasirikari b'abakoloni. Mu mateka bavuga ko umwe mu byegera by'umwami washatse guhagarika aba basirikari Graf Götzen yamukubise.

Ibyo byatumye Abanyarwanda n'Abadage babonana nta rugwiro bafite ndetse bikekana. Bararebanye buri wese agerageza kutagaragariza undi icyo yifuza: ibwami bashakaga kugenzura Abanyaburayi naho Abadage bo bashakaga gushyiraho no gushimangira ubutegetsi bwa gikoroni.









Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Oskar Baumann ♦, Graf Götzen ♦♦, Umwami Rwabugiri ♦♦♦, Mu Rukari hamwe n'inkambi ya Götzen ♦♦♦

♦ © Baumann 1894
♦♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main
♦♦♦ © Götzen / Kuhnert 1895

# RICHARD KANDT

Richard Kandt yari Umuganga, akaba umwe mu Banyaburayi ba mbere bageze muri Afurika bakora ubushakashatsi ku bintu binyuranye, akaba impuguke mu by'imico n'amasano by'amoko by'amoko y'abantu, ndetse akaba n'umukozi mu buyobozi bw'abakoroni (1887 – 1918).

Richard Kandt niwe Munyaburayi wa mbere wagerageje kugirana imishyikirano n'Abanyarwanda. Yageze mu Rwanda mu 1898 ashakisha isoko y'uruzi rwa Nili; yagize kandi ingendo hirya no hino muri icyo gihugu mu gihe cy'umwaka mbere y'uko mu 1899, ashinga sitasiyo »Bergfrieden« (Amahoro mu Misozi) ku Kiyaga cya Kivu. Mu gihe cy'imyaka 3 iyo sitasiyo yamuberaga ifatizo mu ngendo ze zigamije ubushakashatsi ku bintu binyuranye ndetse no ku bijyanye n'amoko y'abantu.



Richard Kandt mu Rwanda (»Caput Nili«)

| | |
|---|---|
| 1898 – 1902 | Urugendo rwa mbere; ubushakashatsi bugamije kwiga ahantu n'amoko y'abantu |
| 1904 | yasohoye igitabo kivuga ku rugendo rwe acyita »Eine empfindsame Reise zu den Quellen des Nils« (Caput Nili. Urugendo Rudasanzwe Rwangejeje ku Isoko ya Nili). |
| 1905 – 1913 | Urugendo rwa kabiri |
| 1907 – 1916 | Rezida w'u Rwanda |
| 1908 | yashinze Kigali nk'ikicaro cya Rezida w'u Rwanda |

## »… KUKO IGIHE CYOSE TUZABA TUTAZI NEZA IMICO N IMITERERE Y'ABATURAGE B'IBIHUGU DUKORONIJE, IBIKORWA BYOSE DUKORERA IBYO BIHUGU BIZABA ARI UKUGOSORERA MU RUCACA.« (R. KANDT: CAPUT NILI)

### Imishyikirano ya mbere hagati ya Kandt n'ibwami i Mukingo, yabaye muri Kamena 1898:

Mbere yo kujya ibwami ku nshuro ya mbere, Kandt yari ategereje byinshi ku ruzinduko rwe. Nyamara icyo kizere cyaje kuyoyoka kuko agezeyo ntiyashoboye kubona ibyo yasabye ndetse nta n'impano yabonye, ariko icyamubabaje muri byose ni uko igihe yari ategereje kuvugana n'umwami Yuhi V Musinga yakiriwe n'umwungiriza we. Nyamara aho Kandt amariye kwerekana ubushobozi bwe yaje kwakirwa neza ndetse ahabwa n'ibyo yari akeneye.

Mu mpeshyi yo muri 1900 niho ibwami bemereye Kandt kubonana ku nshuro ya mbere n'umwami Musinga. Mbere y'icyo gihe Abanyaburayi bose bajyaga ibwami bakirwaga n'umukozi mukuru w'ibwami mu mwanya w'umwami. Iyo »Kinamico« (R. Kandt) yari ishingiye ku murongo wa politiki y'ibwami mu bijyanye no kwakira Abanyaburayi baza mu gihugu, dore ko kuva mu 1895 umubare wabo wiyongereye cyane. Imyifatire y'umwami n'abamwungirije mu bijyanye no kwakira abo Banyaburayi yarangwaga n'uruvange rw'ikinyabupfura, urwikekwe, kubatinya no kutabishimira, kutabakira vuba ndetse no kubabeshya.

## »UKO MARA IMINSI MURI IKI GIHUGU NIKO NDUSHAHO KUGIKUNDA…« (R. KANDT 1900)


### Richard Kandt nk'umwe mu Banyaburayi ba mbere bageze muri Afurika bakora ubushakashatsi ku bintu binyuranye kandi nk' umukozi mu buyobozi bw'abakoroni

Uko Kandt yagendaga amenyera u Rwanda niko yarushagaho kubaha no gushima uburyo igihugu cyakoragaga ndetse anagaragaza ko ashyigikiye ubwami. Kandt yari ashyigikiye ubukoroni ariko akemeza ko igihe cyose abakoroni batazamenya neza u Rwanda kandi ngo banashyigikire ubwami batazigera bashobora gukoroniza icyo gihugu nk'uko babyifuza. Iyi myumvire yayishyize mu bikorwa igihe yari mu ngendo z'ubushakashatsi mu gihugu ndetse n'igihe yari Rezida w'u Rwanda.


»… kuko igihe cyose tuzaba tutazi neza imico y'abaturage b'ibihugu dukoronije, ibikorwa byose dukorera ibyo bihugu bizaba ari ukugosorera mu rucaca… Biroroshye kurasa kurusha uko byoroshye kwiga ururimi n'imico by'abaturage ariko birumvikana ko n'umusaruro wo kurasa ari muke (…). Nk'uko twaje iwabo batadutumiye, kandi tukaba dushaka kugera ku ntego zikomeye, tugomba kubafasha kutwumva ariko kandi tukabanza kumenya kubumva.« (R. Kandt: Caput Nili)

Umwami w'u Rwanda n'abari bamwungirije ntibatinze kumva ko Kandt abashyigikiye. Bityo bamwiyambaza mu gukemura amakimbirane yari hagati y'abatware n'abaturage basanzwe, no mu gushaka umuti w'ibibazo ubwami bwari bufitanye n'abamisiyoneri ndetse n'abakoroni. Uku gushyigikira ubwami byatumye Kandt ibwami yakiranwa urugwiro n'icyubahiro mugihe atari ko byagendekeraga bagenzi be.

Kimwe mu bikorwa bike Kandt yakoze atabyemeranyijwe n'ibwami ni ubwo mu 1908 yashingaga Kigali nk'umurwa mukuru w' u Rwanda.








Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Umwami Yuhi V. Musinga, Ikarita yakozwe na Kandt, »Mu nkengero z'ishyamba«, Kandt imbere y'inzu ye »Amahoro mu misozi« i Shangi ♦♦

♦ kerekana sitasiyo »Amahoro mu misozi«
♦♦ (© Caput Nili; Kandt i Shangi: H. Meyer 1928, uwafashe amafoto O. Schloifer)

# UBUTEGE-TSI BWA GIKORONI

»Yalolo mama
Nujya guhunga, hunga barungu (…)
Mpunga barungu, mpunga Tiki-Tiki (…)
Hunga barungu.«
(Indirimbo yo ku rugamba »Mpunga barungu«, 1907)



Umwami Yuhi V. Musinga na Kapiteni W. von Grawert, Rezida w'u Rwanda 1906 – 07 (© Mecklenburg: Mu mutima w'Afurika, 1909)

## »Ibaruwa ya porotegitora« n' »ibendera ry'Ubudage«

Ni Kapiteni Ramsay, wari umuyobozi wa disitirigiti ya gisirikari ya Ujiji, wagiranye imishyikirano ya mbere n'ubwami. Iyi mishyikirano yabaye mu gihe u Rwanda rwari rufite ibibazo bya politiki kuko nyuma y'urupfu rw'umwami Kigeri V Rwabugiri mu 1895, mu gihugu habaye amakimbirane atewe no kutavuga rumwe ku muntu wagombaga gusimbura umwami. Ayo makimbirane yarangiye mu 1896 asozwa n'imirwano yari igamije gukuraho Mibambwe IV Rutarindwa ndetse aranicwa. Nyuma y'ibyumweru bike umwami Yuhi V wari ufite imyaka 17 yimitswe, niho Ramsay yagiye ibwami. Muri uwo mwaka wa 1896 ni naho ingabo z'u Rwanda zatsinzwe n'iza Kongo.

Muri Werurwe 1897 Ramsay yageze ibwami aherekejwe n'abasirikari batatu b'Abadage, Aba Askari 100 n'abikorezi 100. Ramsay ntabwo yabashije kubona umwami Musinga wari ukiri muto ahubwo yakiriwe n'uwari yihinduye umwami. Ramsay yamushyikirije « ibaruwa ya porotegitora » n'ibendera ry'Ubudage nk'ibimenyetso by'uko Abadage bemerewe gukoroniza u Rwanda. Abadage batekerezaga ko nyuma yo kwakira ibyo bimenyetso Abanyarwanda bemeye gukoronizwa nabo.

## Igisirikari n'ubutegetsi

Mu myaka ya mbere ubutegetsi bwa gikoroni bwari buhagarariwe cyane cyane n'abasirikari bakuru babaga bayoboye amatsinda yazaga mu Rwanda ndetse na za sitasiyo, aribyo bintu bibiri byagaragazaga ko mu Rwanda hari ubutegetsi bwa gikoroni. Abayobozi ba za sitasiyo nka Ramsay, Bethe na von Grawert biyumvaga nk'abayobozi b'igihugu kuruta uko bumvaga ko ari abakozi.

Ubukoroni bw'Abadage mu Rwanda bwari bushingiye ku buyobozi no ku bushobozi bwa gisirikari. Ibi bigaragazwa n'amatsinda ya gisirikari n'ay'abashinzwe guhana atabarika yagiye yoherezwa mu Rwanda, ibikorwa bya gipolisi, uburetwa ndetse n'ibihano by'indengakamere. Ibi bikaba byaratumye kapiteni von Grawert ahabwa irihimbano rya Tikitiki. Iri zina rikaba ryigana urusaku rw'imbunda.

## Abadage, ibwami n'abaturage

Amwe mu mahame y'abakoroni b'Abadage mu Rwanda yari ukugabanya ingufu z'ubwami ndetse bakanategeka bifashishije ubutegetsi abashefu bari bafite mu gihugu. Bigeze mu mpera z'ubukoroni bw'Abadage nibwo habayeho kubagabanyiriza ububasha. Mu bibazo by'abaturage Abadage wasangaga ibitekerezo batanga bibogamiye ku mwami. Ibi bikaba byaratumye birengagiza akababaro n'akarengane by'abaturage. Ubwami n'ibyegera byabwo babanje kwanga, gukemanga no kugira urwikekwe ku Badage nyuma nibwo bemeye n'ingingimira kugirana n'abakoroni ubufatanye bugamije inyungu. Inyungu z'ibwami zagaragariraga buri wese: Abadage bafashaga umwami mu guhangana n'abashefu n'abaturage bamwigometseho, urugero ni mu myaka ya 1911 – 1912 aho habaye imyigaragambyo ya Ndungutse n'imyivumbagatanyo ku Bamisiyoneri biyemeraga cyane.

Guhangana hagati y'ubutegetsi bwa gikoroni, umwami n'abashefu byagiraga ingaruka mbi ku baturage basanzwe abaturage rero bagombaga guhitamo hagati yo guca bugufi baba babishaka cyangwa se babihatiwe, kwigomeka, kwihisha, cyangwa se guhunga. Ni inshuro nke cyane abaturage bagaragaje ko badashyigikiye ibyo ubuyobozi bwababkoreraga.

| | |
|---|---|
| 1897 | Abasirikari boherejwe mu Rwanda bayobowe na Kapiteni Ramsay ndetse habaho no gushyikiriza ibwami ibaruwa ya porotegitora n'ibendera ry'Ubudage |
| 1898 | Abasirikari boherejwe mu Rwanda bayobowe na Kapiteni Bethe ndetse bongera gushyikiriza ubwami ibaruwa ya porotegitora n'ibendera ry'Ubudage<br>U Rwanda rwahawe sitasiyo ya gisirikari ya Ujiji (ku nkombe z'ikiyaga cya Tanganyika) ngo iruyobore<br>Mu Ugushyingo: ishingwa rya sitasiyo ya gisirikari ya Shangi |
| 1899 | Kanama: ishingwa rya sitasiyo ya gisirikari ya Gisenyi |
| 1900 – 1901 | Imyivumbagatanyo ku bwami, Abadage bohereje abo guhana abagize uruhare muri iyo myivumbagatanyo |
| 1901 – 1906 | U Rwanda rwahawe disitirigiti ya gisirikari ya Bujumbura ngo iruyobore |
| kuva 1903 | hagiye haza amatsinda atandukanye y'abadage agamije guhana abagize uruhare mu myivumbagatanyo |
| 1906 | Ishingwa rya Rezidansi y'u Rwanda (icyicaro cyari i Bujumbura) |
| 1907 | R. Kandt yagizwe Rezida w'u Rwanda |
| 1908 | Icyicaro cya Rezidansi cyashyizwe i Kigali |
| 1911 – 1912 | Imyivumbagatanyo ku bwami, Abadage bohereje abo guhana abagize uruhare muri ibyo bikorwa ndetse binatangazwa ku mugaragaro ko habaye intambara. |
| 1914 | Intangiriro y'intambara ya mbere y'isi: Kapiteni Wintgens (Rezida w'agateganyo) yateguye ibikorwa bya gisirikari byo guhangana n' Ababirigi n'Abongereza |
| 1916 | Mata: Abadage bavuye mu Rwanda<br>Gicurasi: Abasirikari b'Ababirigi binjiye muri Kigali |









Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Kapiteni Hans Ramsay ♦, Kapiteni Heinrich Bethe, bitaga »Gahiza« cyangwa »Le Grand Monsieur«♦♦,
Sitasiyo ya gisirikari ya Ishangi ♦, Sitasiyo ya gisirikari yo ku Gisenyi♦

♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main
♦♦ © Leibniz Institute for Regional Geography, Leipzig

# ABAMISI-YONERI MU RWANDA

Nyuma y'ingendo z'Abanyaburayi muri Afurika bakoraga ubushakashatsi ku bintu binyuranye n'iz' abakozi bo mu buyobozi bwa gikoroni, hakurikiyeho ingendo z'abamisiyoneri. Muri izo ngendo urwa mbere ni urwo mu mwaka wa 1900 rw'Abapadiri Bera b'Abagatolika, rwakurikiwe mu 1907 n'urw'abamisiyoneri b'Abaporoso b'i Bethel.

Nyuma y'imyaka mike Abapadiri Bera b'Abagatolika bageze mu Rwanda bahise bagira ijambo ku buryo bafatwaga nk'ubutegetsi bwa gatatu nyuma y'ubwami n'ubutegetsi bwa gikoroni.



Abapadiri Bera b'Abagatolika bo ku Nyundo basuye Gisenyi, 1911 (© Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main)

| | |
|---|---|
| 1900 | Abapadiri Bera b'Abagatolika bageze mu Rwanda bajya n'ibwami<br>Ishingwa rya sitasiyo za mbere z'abamisiyoneri i Save n'i Zaza |
| 1903 | Abakirisitu ba mbere b'Abagatolika barabatijwe |
| 1904 – 1905 | Imirwano hagati ya sitasiyo y'abamisiyoneri y'i Rwaza n'abaturage |
| 1905 | ishingwa rya sitasiyo y'i Kabgayi |
| 1907 | Abamisiyoneri b'Abaporoso bageze mu Rwanda<br>Ishingwa rya sitasiyo za mbere z'Abaporoso i Zinga n'i Kirinda |
| 1908 | Agatabo gakubiyemo amagambo y'Ikinyarwanda ahinduwe mu rundi rurimi kasohotse ku nshuro ya mbere |
| 1909 | Umupadiri wera witwaga Pater Loupias yiciwe kuri sitasiyo y'i Rwaza<br>Ababikira Bera bageze mu Rwanda |
| 1913 | Ishingwa rya Seminari Nkuru y'i Kabgayi |

**»VON GRAWERT YADUSOBANURIYE KO UMWAMI YAMUBWIYE KO YISHIMIYE KUBA MU GIHUGU CYE HARIMO ABAMISIYONERI; (...) VON GRAWERT YIJEJE UMWAMI KO ABAMISIYONERI BATAZANYWE NO KUGABANYA UBUBASHA BWE AHUBWO KO BARI BAGAMBIRIYE KUBWONGERERA INGUFU.« (AKANYAMAKURU KA MISIYONI YA SAVE, 29 KAMENA 1904).**

## Abapadiri Bera

Abapadiri Bera bakomoka mu muryango w'Abamisiyoneri b'Abafaransa nibo biyemeje guhaguruka bakajya mu Rwanda mu bikorwa by'abamisiyoneri b'Abagatolika. Muri ibi bikorwa bakaba bari bashyigikiwe n'ubutegetsi bwa gikoroni bwari bwiteguye kubaha inkunga yo mu rwego rwa politiki n'urwa gisirikari.

Mu ntangiriro y'umwaka wa 1900, itsinda ryari riyobowe na Musenyeri Hirth, riherekerejwe n'abikorezi 150 n'abasirikari b'abakoroni, ryageze ibwami ryitwaje ibaruwa yanditswe n'ubuyobozi bwa gikoroni yemeza ko iryo tsinda rikwiye kwakirwa nta kibazo, maze ryakirwa n'umuntu wari wihinduye umwami. Mu ntangiriro, ibwami bemereye abamisiyoneri gutura gusa mu duce twahagana ku nkengero.

Kugera mu mwaka wa 1907, Abapadiri Bera bashoboye kugenda bongera agaciro bafite banagira ijambo mu gihugu. Ibibazo bya politiki u Rwanda rwagize mu ntangiriro z'ikinyejana – mu myaka ya 1900 – byabereye abo Bapadiri umwanya wo gushimangira ingufu bari bafite. Muri icyo gihe kandi mu gihugu hose hateye inzara ikomeye maze abaturage bari bashonje, urubyiruko n'abana bari begereye sitasiyo z'Abamisiyoneri barushaho kugaragaza ko bemera abamisiyoneri.

Mu duce twarimo sitasiyo nini z'Abamisiyoneri (urugero ni sitasiyo ya Save yari ifite abaturage 700) wasangaga Abamisiyoneri aribo bategeka abaturage nta kwikanga. Bakoreshaga abaturage imirimo yabo uko babyumva kandi bagafata ibyo bakeneye byose aho byaba biri. Abamisiyoneri babifashijwemo n'abayoboke babo barindaga umutekano wabo bakoresheje ubugome. Abamisiyoneri bize Ikinyarwanda vuba vuba kandi bahoraga bafite amakuru bahabwa n'abakozi babo ndetse n'abayoboke babo ku bijyanye n'imyivumbagatanyo y'abaturage. Ayo makuru akaba yarabafashije inshuro nyinshi mu kwivanga mu bibazo by'abaturage gihugu biyita abajyanama cyangwa abahuza.

Imibanire y'ibwami n'abandi bantu bari bakomeye mu gihugu yagiye irangwa n'amakimbirane adashira. Ku ruhande rumwe, abamisiyoneri babaga bahanganye n'abashefu bari bakomeye naho ku rundi ruhande, ibwami n'ibyegera by'umwami bagakenera inkunga y'abamisiyoneri mu gukemura amakimbirane babaga bagiranye hagati yabo cyangwa se ayo bagiranaga n'ubutegetsi bwa gikoroni.


## Misiyoni y'i Bethel

Guhera muri Nyakanga 1907 umuryango w'abamisiyoneri b'abogezabutumwa muri Afurika Ndage y'Iburasirazuba (EMDOA) – nyuma uyu muryango waje kwitwa »Misiyoni y'i Bethel« – wageze mu Rwanda. Abamisiyoneri Ernst Johanssen na Ruccius bakiriwe ibwami ndetse nabo bahabwa uburenganzira bwo kubaka sitasiyo z'abamisiyoneri babo mu nkengero.

Abamisiyoneri b'i Bethel batekerezaga ko inshingano zabo zitagarukira gusa mu gukangurira abantu kuba abakirisitu ahubwo ko bagombaga no gufasha mu iterambere rusange ry'abaturage bose. Intego yabo yari iyo gushinga za paruwasi zigenga. Kuva mu ntangiriro, muri za sitasiyo zabo, abamisiyoneri n'imiryango yabo bakoraga uko bashoboye ngo bagirane umushyikirano n'abaturage; ibi byatumaga abaturage bibonera bo ubwabo imibereho n'imyitwarire by' Abanyaburayi.

Nk'uko byagenze kuri za sitasiyo z'Abapadiri Bera, imfubyi n'abana bo mu miryango ikennye nibo babaye aba mbere mu kuyoboka sitasiyo z'abamisiyoneri b'Abaporoso.

Mu gihe umubano hagati y' abaturage basanzwe n' Abapadiri Bera warangwaga n'amategeko atangwa n'uruhande rumwe urundi rukayumvira ndetse n'igitinyiro no kutisanzura, abamisiyoneri b'Abaporoso bo siko byabagendekeye kuko abaturage babasuzuguye kenshi ndetse bakanabereka urugwiro ruke.









Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Gutaha inzogera ya sitasiyo ya misiyoni y'i Zinga 1909♦, Kugurana ibintu buri wese afata icyo akeneye♦♦, Abamisiyoneri b'i Bethel ♦♦♦, Abakirisitu bo kuri sitasiyo ya misiyoni y'i Kirinda mu 1911♦

♦ © Archives and Museum Foundation, Wuppertal
♦♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main
♦♦♦ © Ububiko bwite bwa Gudrun Honke

# URUGENDO MURI AFURIKA YO HAGATI

**Urugendo rw'itsinda ry'Abahanga b'Abadage muri Afurika yo hagati 1907 – 1908**

Adolf Friedrich, Igikomangoma cy' ahitwa Mecklenburg (1873 na 1969) niwe wagize igitekerezo cyo gukora urugendo rw'Abahanga b'Abadage muri Afurika Ndage y'Iburasirazuba, ararutegura ndetse aranaruyobora. Urwo rugendo akaba ari rwo rwambere rwo kuri icyo gihe rwari rugizwe n'abantu benshi. Intego y'urwo rugendo yari ugukora ubushakashatsi ku bintu binyuranye mu majyaruguru y'iburengerazuba bw'Afurika Ndage y'Iburasirazuba, mu kibaya cy'Afurika yo hagati guhera ku kiyaga cya Kivu kugera ku kiyaga cya Albert, ndetse no mu gace k'ibirunga no mu duce two muri Kongo hafi y'umupaka.



Mu misozi y'u Rwanda

## Abanyaburayi bari bagize itsinda ryakoze urwo rugendo

1. Adolf Friedrich, Herzog zu Mecklenburg, wari ayoboye itsinda
2. Lieutenant Walter von Wiese und Kaiserswaldau, umukozi mu buyobozi bwa gikoroni akaba n'umukuru w'abasirikari bari muri iryo tsinda
3. Lieutenant Max Weiß, impuguke mu gupima ubutaka akaba n'inararibonye mu ishami ry' imibare, ryiga imiterere ya za mpandeshatu.
4. Egon F. Kirschstein, umuhanga mu gusesengura imiterere, inkomoko n'amateka by' isi, hibandwa ku biyigize nk'amabuye, mine n'ubutaka.
5. Hermann Schubotz, umuhanga mu bijyanye n'ubuzima bw'inyamaswa
6. Johannes Mildbraed, umuhanga mu bijyanye n'ubuzima bw'ibimera
7. Jan Czekanowski, Impuguke mu bijyanye no kumenya abantu n'amoko n'imico yabo
8. Werner von Raven, umuganga akaba n'impuguke mu ishami ry'ibinyabuzima ryiga kuri za bagiteri
9. Suzofisiye Czeczatka
10. F. Weidemann, umugaragu w'igikomangoma cy'i Mecklenburg

## Abanyafurika bari muri iryo itsinda

Abikorezi, abatetsi n'ababungirije, abasemuzi, abafashije gutegura urugendo n'abasirikari b'abakoroni.

Abantu bari muri urwo rugendo bose hamwe bari 2.230: itsinda nyamukuru ryarimo abantu bari hagati ya 650 na 700 naho abandi bari mu matsinda 7 yari ashinzwe kumenya ibikenewe kubibika no kubigeza ku babikeneye.

Ibyavuye mu bushakashatsi bwo muri urwo rugendo byanditswe mu bitabo umunani (8) bigizwe n'imitumba itandukanye ndetse no mu nkuru y'urugendo yiswe »Hagati mu mutima w'Afurika« yanditswe n'Igikomangoma mu 1909.

## Imizigo abo mu itsinda nyamukuru bari bafite

Iyi mizigo yose hamwe yari 1.108 buri muzigo upima hafi ibiro 20, imizigo yose hamwe ikaba yari ifite uburemere bwa toni 22. Buri mwikorezi yagomba gutwara nibura ibiro 30 kuko uretse umuzigo yabaga ashinzwe kwikorera yongeragaho n'ibye bwite akeneye kwitwaza. Ibyari bigize iyo mizigo ni ibi bikurikira:

| | |
|---|---|
| Imitwaro 19 | y'ibikoresho byifashishwa mu gupima ubutaka |
| Imitwaro 10 | y'ibikoresho byifashishwa mu gusesengura imiterere, inkomoko n'amateka by' isi, hibandwa ku biyigize nk'amabuye, mine n'ubutaka |
| Imitwaro 63 | y'ibikoresho byifashishwa mu kazi k'abahanga mu buzima bw'inyamaswa |
| Imitwaro 36 | y'ibikoresho byifashishwa mu kazi k'abahanga mu buzima bw'ibimera |
| Imitwaro 9 | y'ibikoresho byifashishwa n'abahanga mu by'amoko y'abantu |
| Imitwaro 40 | y'ibikoresho by'ubuvuzi |
| Imitwaro 129 | y'ibintu byo kugurana kugirango bahabwe ibyo bakeneye (imyenda, amasaro, imikwege...) |
| Imitwaro 73 | y'ibikoresho by'ibanze (imitego y'udusimba, ubwato bubiri buzingwa , ibikoresho 10 bikenerwa n'abagendera ku ndogobe, igikoresho gituma umuntu yumva amajwi yafashe, ibikoresho byo gufotora...) |
| Imitwaro 729 | y'ibikoresho bikenerwa n'umuntu ku giti cye (amahema, ibyo kuryamira, ibiribwa, ibinyobwa, ibigoma...) |

Abagize itsinda bigabanyijemo udutsinda twinshi hakaba hari abantu bashinzwe kugeza kuri utwo dutsinda ibyo dukeneye ndetse no gufasha abari muri utwo dutsinda guhererekanya amakuru n'ubutumwa hagati yabo. Uretse itsinda nyamukuru ryari ririmo igikomangoma, abandi bahanga bagenda bategura ingendo zabo bakurikije uko babyumva ndetse atari na ngombwa ko bagendana.

Uru rugendo rwatewe inkunga n'ikigega cy'Abadage cyo gushyigikira ubukoroni muri Afurika, ibigo by'ubushakashatsi bya Leta n'ibigo byigenga; ibi bikaba byaragaragaje ko Abadage bose bari bashishikajwe n'inyungu mu bya politiki ya gikoroni uru rugendo rwagombaga kubagezaho.

## Mu Rwanda

Abagize itsinda bahagurutse i Bukoba ku nkengero z'ikiyaga cya vigitoriya (ubu ako gace kari mu gihugu cya Tanzaniya) mu mwaka wa 1907, bagera mu Rwanda muri Kanama. Bamaze iminsi i Nyanza, aho umwami Yuhi V Musinga yari atuye. Bahagurutse ibwami berekeza ku kiyaga cya Kivu no mu majyaruguru y'iburengerazuba ahagana ku birunga ariko bose ntibafashe inzira imwe. Mu mpera za Werurwe 1908 abagize itsinda bahagurutse mu Rwanda berekeza muri Kongo no ku kiyaga cya Eduwaridi.

»Muri icyo gihugu, ›gitemba amata n'ubuki‹, aho ubworozi n'ubuvumvu byahawe intebe ndetse n'ubutaka bwaho bukaba burumbuka. Igihugu cy'imisozi, gituwe cyane, gifite uburanga buhebuje, kigahorana amafu utasanga ahandi kandi atera ubuzima bwiza. Akarere gafite ubutaka burumbuka n'imigezi idakama ndetse kakaba ari amahirwe atagira uko angana ku mukoroni w'Umunyaburayi«.

Ibwami bakiriye abari muri urwo rugendo n'icyubahiro, babaha impano ndetse bizeza igikomangoma ubufatanye muri byose. Mu duce tumwe na tumwe tw'imbere mu gihugu ariko, abagize itsinda bahuraga kenshi n'abaturage babasuguraga ndetse bakanabagaragariza urwango, abo baturage bakaba batarumviraga umwami kandi ntibemere n'ibyo Abadage babasabye gukora.









Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Adolf Friedrich Herzog zu Mecklenburg ♦, Gusimbuka urukiramende na Mecklenburg na Czeczatka ♦♦,
Inkambi mw'ishyamba ♦♦, Abari muri urwo rugendo ♦♦♦

♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main
♦♦ © Mecklenburg 1909
♦♦♦ © A. Czekanowska

# JAN CZEKANOWSKI

**Impuguke mu bijyanye no kumenya imico y' abantu n'amoko yabo (1882 – 1965)**

**Jan Czekanowski niwe muntu wa mbere washoboye kwandika ku buryo bwa gihanga ibijyanye n'umuco n'imiterere by'Abanyarwanda ndetse kugeza n'ubu inyandiko ze zikaba zifatwa nk'isoko ikomeye y'amateka. Niwe wari muto mu Banyaburayi bagiye muri Afurika mu rwego rw' »ubutumwa bw'abahanga b'Abadage muri Afurika yo hagati« (1907 – 1908). Kuva muri Kanama kugera mu Ukuboza 1907 yakoze ubushakashatsi mu Rwanda, ahakura ubumenyi bwinshi mu bijyanye n'imibereho y'Abanyarwanda ndetse no ku bijyanye n'imikorere y'ubutegetsi bwa gikoroni.**



Jan Czekanowski muri Afurika yo hagati (© A. Czekanowska)

| | |
|---|---|
| 1907 | Kamena: Jan Czekanowski yafashe urugendo agana mu Rwanda<br>Kanama – Ukuboza: yabaye i Zaza, i Save, i Nyanza, i Rwaza, i Gisenyi, no ku Nyundo<br>Ukuboza: yakomeje urugendo yerekeza ku kiyaga cya Eduwaridi no muri Kongo |
| 1909 | Mutarama: yagarutse ku kiyaga cya Vigitoriya<br>Kamena: yasubiye i Burayi |
| 1911 – 1927 | Yasohoye ibitabo bitanu bivuga ku byavuye mu bushakashatsi bwe, igitabo cya 6 cyaje gusohoka mu 1951 |
| 1958 | Yasohoye raporo y'urugendo rwe yise »W głąb lasów Aruwimi. Dziennik wyprawy do Afryki środkowej« (Mu mashyamba y'Aruwimi. Inkuru ku ruzinduko muri Afurika yo hagati) |

## Impuguke mu bijyanye no kumenya abantu n'amoko yabo

Jan Czekanowski yakoraga i Berilini mu ngoro y'ibijyanye n'amoko y'abantu akaba yari ashinzwe gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'amoko y'abantu bo mu Rwanda, Ubugande no mu Majyaruguru y'uburasirazuba bwa Kongo. Agamije gukora ubushakashatsi mu bijyanye no kwiga imiterere y'abantu, yakusanyije ibihanga by'abantu 1.013, akora ibishushanyo byo mumaso y'abantu akoresheje pratre 35, ndetse anafata ibipimo by'abantu 3.350.

Mu bushakashatsi bwe ku bijyanye n'amoko y'abantu bo mu Rwanda, yagendeye ku bukungu, imyimerere n'umuco ndetse by'umwihariko yongeraho n'uburyo igihugu cyabaga kiyobowe haba mu mibereho y'abantu cyangwa se muri politiki. Ibyavuye muri ubwo bushakashatsi bwe bishingiye ku byo we yiboneye ubwe, ku biganiro yagiranye n'abaturage ndetse no ku bumenyi buhagije Abapadiri Bera b'Abagatolika bari bafite ku gihugu. Kugirango ashobore kumenya imibereho y'abantu batuye mu gace runaka byamusabaga kumara igihe kitari gito muri ako gace.

## MURI ICYO GITABO CZEKANOWSKI YAGIZE ATI: »MU KAZI KACU KO KWIGA AMOKO Y'ABANTU DUSHINGIRA KU GITEKEREZO CY'UKO UMUNTU ABA MU MURYANGO NIYO MPAMVU MU GUSOBANURA MURYANGO RUNAKA TUGERAGEZA KUGARAGAZA KU RUHANDE RUMWE IBIGIZE UWO BYOSE, AHA NDAVUGA INYUBAKO, IBIKORESHO N'IBINDI, NAHO KU RUNDI RUHANDE TUKAGARAGAZA IMICO, IMYIFATIRE N'UBUMENYI BY'ABAGIZE UWO MURYANGO.« (J. CZEKANOWSKI 1909).


Ibyavuye mu bushakashatsi bwe byerekana ishusho y'umuryango nyarwanda mu mpera z'ikinyejana cya 19 ahagana mu cya 20. Yashoboye kwerekana ko kuba umutware cyangwa umugaragu bitaterwaga n'ubwoko umuntu abarizwamo. Yanasobanuye ko ayo moko atari atandukanye ku buryo bugaragara hagati yayo kandi ko u Rwanda rutari igihugu gifite imiyoborere imwe hose ahubwo ko uko uturere twari dutandukanye ari nako twagiraga imiyoborere yatwo itandukanye n'iy'ahandi: hari aho wasanganga abaturage nta jambo n'ubwisanzuro bafite ahandi ugasanga bafite ubwigenge bwinshi.

## Ubuyobozi bwa gikoroni

Czekanowski ntabwo yemeraga intego zari zihishe inyuma ya politiki ya gikoloni mu bijyanye n'ingendo Abanyaburayi bakoreraga muri Afurika. Kuba yaragiye atinda mu duce dutandukanye tw'u Rwanda byatumye ashobora kumenya ibibazo byaterwaga n'ubuyobozi bwa gikoroni. Yashoboye kumenya ko mu gihe cya gikoroni abaturage bagiye bagira imibereho mibi n'ubwo abakoroni batahwemaga kuvuga ko »baharanira imibereho myiza y'abantu«, nyamara bakaba batarashatse cyangwa batarashoboye kurengera abaturage mu gihe babaga bakandamizwa n'abashefu b'Abanyarwanda. Yamenye kandi ko abatware n'abandi bose bari bafite ijambo mu gihugu, cyane cyane umwami bari bafite inyungu ku Banyaburayi bari mu Rwanda. Jan Czekanowski yabonaga ko umwami yari azi neza ko »ububasha bwe bwagabanutse« ariko ko »abasirikare b'ubuyobozi bwa gikoroni bashoboraga gufasha umwami mu gukemura ibibazo by'imyivumbagatanyo y'abaturage«.

N'ubwo Abanyarwanda bari bagamije gukura inyungu ku butegetsi bw'Abadage, ntibyababuzaga kutabakunda. Abanyarwanda benshi babonaga Abadage nk'abantu baje kwivanga ugasanga kenshi banabanegura kubera uko basa, uko babaho n'imirire yabo.

Ibi byose byavuye muri kimwe mu bitabo bya Czekanowski cyitwa »Ubumenyi ku moko y'abantu: Ubushakashatsi mu karere ko hagati y'ibiyaga – Mpororo n'u Rwanda« (1917).








Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Amashusho y'umutako, Gutwara inzoga y'urwagwa yagenewe ibirori byo gushyingira, Mu mbere: umuntu arabona uruhimbi n'ibisabo

# KIGALI

Mu mwaka wa 1908 niho Richard Kandt yashinze Kigali nk'icyicaro cya Rezida w'u Rwanda.



Sitasiyo ya Kigali 1911 (© Leibniz Institute for Regional Geography, Leipzig)

| | |
|---|---|
| 1906 | Ishingwa rya Rezidansi y'u Rwanda |
| 1907 | Richard Kandt yabaye Rezida<br>Gutangira gutegura icyicaro cya Rezidansi |
| 1908 | Ishingwa rya Sitasiyo ya Nyarugenge<br>Ukwakira: guhindura izina rya sitasiyo rikaba Kigali |
| 1916 | Kurangira k'ubutegetsi bwa gikoloni bw'Abadage |

**HANS MEYER WARI IMPUGUKE MU BUMENYI BW'ISI, AKABA IMPUGUKE MU GUSOHORA NO KUGURISHA IBITABO, NDETSE AKABA N'UMWE MU BANYABURAYI BAGIYE MURI AFURIKA BAKORA UBUSHAKASHATSI KU BINTU BINYURANYE YASUYE KANDT MU MWAKA WA 1911 MAZE AGERERANYA SITASIYO YA NYARUGENGE NK' »IKIBANZA CYO GUKORERAMO UBUHINZI N'UBWOROZI CYIZA KANDI KININI«.**

## Amakimbirane hagati y'umwami na Kandt

Rezida mushya akimara kujyaho yatangiye gutegura uko azashinga icyicaro cya Rezidansi cyagombaga kujya hagati mu gihugu. Mu guhitamo ahazajya icyo cyicaro yashimye umusozi wa Kigali mu karere ka Bwanacyambwe. Yafashe icyemezo cyo kubaka sitasiyo ku gitwa cya Nyarugenge kitari ku musozi hejuru kandi kitari kure y'umujyi witwaga nawo Nyarugenge.

Umwami yahise yumva ko kuba sitasiyo nshya yubatse hagati mu gihugu bigaragaza ko Abadage bari bihaye ubushobozi burenze ubwo yabageneraga maze asaba Kandt ko atashinga Rezidansi muri ako gace. Icyerekana ko icyo umwami yari asabye yari agikomeyeho, n'uko umwami yohereje Kandt inka n'inyana yayo: muri rusange, mu Rwanda impano nk'iyo yatangwaga n'umuntu ufite icyo asaba shebuja. Kandt ntabwo yahumwe amaso n'impano y'umwami maze yikomereza umushinga we.

## Sitasiyo

Kugirango Kandt yubakishe sitasiyo ikomeye ku buryo uwabaga ari kuri iyo sitasiyo yarebaga mu gishanga yakoresheje abakozi benshi ariko akabahemba umushahara muto cyane. Ibikoresho byagombaga kuzanwa n'Abanyarwanda. Uretse ibyumba byakorerwagamo n'ubuyobozi ndetse n'iposita, iyo nyubako yari ifite n'ishuri ry'abahungu bo mu miryango yari ikomeye.

Sitasiyo yabanje kwitwa Nyarugenge nyuma mu Ukwakira 1908 iza kwitwa Kigali.

Kuva i Nyanza ahari umurwa w'abami kugera aho icyicaro cya Rezida cyari cyubatse byafataga urugendo rw'iminsi ibiri. Ibi bikaba byaratumaga ibwami badashobora gukurikiranira hafi ibikorerwa ku cyicaro cya Rezida nyamara bikaba byari byoroheye Abadage bakoreraga kuri icyo cyicaro kumenya ibibera ibwami.

Kandt yari atuye mu nzu ntoya yubatse mu matafari ikaba yari yegeranye n'aho abasirikari b'abasuzofisiye baririaga. Iyo nzu yari ifite ibyumba bibiri, igikoni n'aho kubika ibintu ndetse n'icyumba yakoreshaga nk'ibiro. »Ku nkuta z'iyo nzu (...) iruhande rw'imitako iboshye n'ibajije bya kinyarwanda byagaragaraga ko uwayihisemo yari azi kureba ibyiza, hari hamanitse amafoto menshi y'amabara agaragaza imisozi yo muri Afurika...«
(H. Meyer: Mu Rwanda kwa Richard Kandt, 1928)

## Kigali mu gihe cy'ubukoroni bw'Abadage (1908 – 1916)

Mu mwaka wa mbere Rezida yari afite umupolisi umwe gusa. Mu ntangiriro ya 1914 hari Abadage batandatu (6) bahagarariye ubutegetsi bwa gikoroni aribo: Rezida, uwari umwungirije Kapiteni Max Wintgens, umunyamabanga, umukozi ushinzwe iby'amategeko, umupolisi n'umusirikari ufite ipeti rya serija shefu wari ushinzwe iby'ubuzima. Rezidansi yarindwaga n'abasirikari bari bazwi ku izina rya Askari.

Kugira abakozi bake ntabwo byari umwihariko wa sitasiyo ya Kigali kuko wasangaga za sitasiyo zose zari muri Afurika Ndage y'Iburasirazuba ariko zari zimeze: muri rusange, izo sitasiyo zari zifite abakozi bake, zikagira amikoro make ndetse zikaba ahantu hitaruye ku buryo zitashoboraga kugira ingufu mu bijyanye n'ubutegetsi bwa gikoroni.


Kigali kuko yari ahantu heza byatumye iba isoko ry'ubucuruzi (centre commercial) bityo hazaga abantu benshi ku buryo mu mwaka wa 1910, Kigali yagenderewe n'amatsinda 2.117 ya ba mukerarugendo ndetse n'abantu 20.000 batwara imizigo, abo bose bakaba baragombaga guhabwa ibinyobwa n'ibiribwa ndetse n'inkwi zo gucana.

Abacuruzi batuye hafi ya sitasiyo abenshi muri bo bari Abarabu n'Abahinde. Bari batuye mu mazu asakaje amabati ndetse no mu tuzu twabikwagamo ibicuruzwa. Mu mwaka wa 1911 hari Umugereki wari ufite amangazini yahahirwagamo n'Abanyaburayi ndetse n'abasirikari b'abakoroni b'Abanyafurika.









Mu cyerekezo cy'inshinge z'isaha, uhereye ibumoso hejuru:
Muri Sitasiyo ya Kigali, Isoko rya Gisenyi, Sitasiyo ya Kigali ifite inzu igize amarembo, Sitasiyo ya Ruhengeri ♦

♦ © Colonial Picture Archive, University Library Frankfurt am Main